**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IRANGAMUNTU "NIDA"**
**P.O Box: 3397 KIGALI**
**www.nida.gov.rw**


## INYANDIKO YIFASHISHWA GUKOSORA IRANGAMUNTU

| SERIVISI | IBISONABURO BW'IKIBAZO | INYANDIKO ZISABWA UMUTURAGE |
|---|---|---|
| **1.**<br>**IGIHE BIGARAGAYE KO IZINA RIMWE RITANDITSE MU MAZINA YARI ASANZWE CYANGWA RIVANYWEHO:** | A.<br>Imwe mu nyandiko zikurikira ishobora kwifashishwa kongeraho cyangwa gukuraho izina **Bwite** ku mazina yarasanzwe**:**<br><br>**Ex1: SHEMA Eric kandi ashaka kwitwa MUNYANEZA Shema Eric**<br><br>**Ex2: MUNYANEZA Shema Eric kandi ashaka kwitwa SHEMA Eric.** | 1. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu minsi 15 y'amavuko iriho umukono wa noteri (notified copy/ notifié conforme à l'original) mu gihe yakozwe mbere y'itariki ya 28/08/2016;<br>2. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu minsi 30 y'amavuko iriho umukono wa noteri (notified copy/notifié conforme à l'original) mu gihe yakozwe nyuma y'itariki ya 28/08/2016;<br>3. Kopi y'Indangamuntu yanyir'ubwite yacyuye igihe iriho umukono wa noteri.<br>4. Kopi y'ifishi y'ibarura y' indangamuntu (ya nyir' ubwite cg umwana wari wanditswemo) y'imwe muzabanjirije ikoreshwa ubu iriho umukono wa noteri;<br>**5.** Kopi y'Urwandiko rw'inzira rw'abajya mu mahanga rwatangiwe mu Rwanda mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 (passeport cyangwa laissez-passer)<br>6. Kopi y'igitabo cyandikwamwo abaturage( registre de la population) cya mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 iriho |

| | | |
|---|---|---|
| | | umukono wa noteri (notified copy / notifié conforme à l'original);<br>7. Agatabo ka RAMA ( RSSB ) katanzwe mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 kanditsemo abana;<br>8. P6 conf of results ( indangamanota y'ikizamini cya leta cy'umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza).<br>9. Agatabo k'ishyingirwa k'ababyeyi bukosoza<br>10. Copi y'indangamuntu yacyuye igihe y'ababyeyi b'ukosoza (mugihe yujuje ubuziranenge)<br>11. Copi yibyanditse mu bubiko bw'ikigo gishinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi (RSSB Archive) |
| | **B.**<br>Imwe mu nyandiko zikurikira ishobora kwifashishwa kongeraho cyangwa gukuraho izina ry'**ingereka** ku mazina yarasanzwe**:** | 1. P6 conf of result (indangamanota y'ikizamini cya leta cy'umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza)<br>2. Inyandiko cyangwa ibyemezo by'irangamimerere biriho umukono wa noteri byatanzwe mbere ry'iyandikwa ry'abaturage rya 2007;<br>3. Impanyabumenyi yatanzwe mbere ya 2007 iherekejwe n'ikindi cyangobwa kiriho ifoto ye n'imyirondoro y'ababyeyi be.<br>4. Izindi nyandiko zose zatanzwe n'inzego za Leta y' U Rwanda mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007;<br>5. Agatabo ka RAMA (RSSB ) katanzwe mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 kanditsemo abana.<br>**6.** Kopi y'Urwandiko rw'inzira rw'abajya mu mahanga rwatangiwe mu Rwanda mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 (passeport cyangwa laissez-passer)<br>**7.** Agatabo k'ishyingirwa k'ababyeyi bukosoza |

| | | |
|---|---|---|
| | | **8.** Copi y'indangamuntu yacyuye igihe y'ababyeyi b'ukosoza (mugihe yujuje ubuziranenge)<br>**9.** copi yibyanditse mu bubiko bw'ikigo gishinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi (RSSB Archive)<br>**10.** Raporo y'akanama nkemurampaka y'umurenge |
| **2. GUKOSORA IZINA RIMWE** | **A.**<br>Imwe mu nyandiko zikurikira ishobora kwifashishwa <u>Gukosora izina **bwite**</u> | 1. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu minsi 15 y'amavuko iriho umukono wa noteri (notified copy / notifié conforme à l'original) mu gihe yakozwe mbere y'itariki ya 28/08/2016;<br>2. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu minsi 30 y'amavuko iriho umukono wa noteri (notified copy/notifié conforme à l'original) mu gihe yakozwe nyuma y'itariki ya 28/08/2016;<br>3. Kopi y'Indangamuntu yanyirubwite yacyuye igihe iriho umukono wa noteri.<br>4. Kopi y' ifishi y' indangamuntu <u>y'imwe</u> muzabanjirije ikoreshwa ubu ( mu igihe indangamuntu ari iya nyirayo ) iriho umukono wa noteri;<br>**5.** Kopi y'Urwandiko rw'abajya mu mahanga rwatangiwe mu Rwanda mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 (passport/passeport cyangwa laissez-passer)<br>**6.** Agatabo ka RAMA katanzwe mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 kanditsemo abana.<br>7. Kopi y'igitabo cyandikwamwo abaturage( registre de la population) cya mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 iriho umukono wa noteri (notified copy / notifié conforme à l'original);<br>8. Agatabo k'ishyingirwa k'ababyeyi bukosoza |





| | | |
|---|---|---|
| | | 9. Copi y’indangamuntu yacyuye igihe y’ababyeyi b’ukosoza (mugihe yujuje ubuziranenge)<br>10. copi yibyanditse mu bubiko bw’ikigo gishinzwe ubwiteganyirize bw’abakozi (RSSB Archive)<br>11. Raporo y’akanama nkemurampaka ku murenge<br><br>**N.B :** P6 conf of result ( indangamanota y’ikizamini cya leta gisoza umwaka wa gatandatu w’amashuri abanza)<br>Ishobora kwifashishwa mugukosora amwe mumazina bwite byumvikanako ajya kugira inyito imwe agatandukanywa n’inyuguti imwe cyangwa ebyi cyangwa se byumvikanako izina bariciyemo kabiri (DUSABE/DUSABIMANA).<br><br>**Ingero :**<br><br>**<u>Ex1: TUYISHIME/TUYISHIMIRE</u>**<br>**<u>Ex2: DUSHIMIYIMANA/DUSHIMYIMANA/DUSHIMIRIMANA</u>**<br><br>**EX3 UMUTONI/UMUTONIWASE**<br>**EX4: UWIZEYE/UWIZEYIMANA DUSHIME/DUSHIMIMANA**<br>**EX5: USABIMANA/NSABIMANA**<br>**EX6: HAKIZIMANA/HAKUZIMANA**<br>**EX7: UWINGABIRE/NGABIRE** |
| | **B.**<br>Imwe mu nyandiko zikurikira ishobora kwifashishwa Gukosora izina ry’**ingereka** | 1. P6 conf of result ( indangamanota y’ikizamini cya leta cy’umwaka wa gatandatu w’amashuri abanza.<br>2. Inyandiko cyangwa ibyemezo by’irangamimerere biriho ifoto ye biriho umukono wa noteri byatanzwe mbere y’iyandikwa ry’abaturage rya 2007;<br>3. Impamyabumenyi (Diplôme) yatenzwe mbere y’iyandikwa ry’abaturage rya 2007. |





| | | |
|---|---|---|
| | | 4. Izindi nyandiko zose zatanzwe n'inzego za Leta mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007, NB : iyo nyandiko cyangwa icyemezo kigomba kuba kiriho Umukono wa notaire ;<br>5. Agatabo ka RAMA ( RSSB ) katanzwe mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 kanditsemo abana;<br>6. Izindi nyandiko zose zatanzwe n'inzego za Leta mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007.<br>7. Raporo y'akanama nkemurampaka y'umurenge<br>8. Agatabo k'ishyingirwa k'ababyeyi bukososoza<br>9. Copi y'indangamuntu yacyuye igihe y'ababyeyi b'ukososoza (mugihe yujuje ubuziranenge)<br>10. copi yibyanditse mu bubiko bw'ikigo gishinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi (RSSB Archive) |
| **3. GUKOSORA AMAZINA Y'ABABYEYI,** | Imwe mu nyandiko zikurikira ishobora kwifashishwa mu kwandika amazina y'ababyeyi ataranditswe:<br><br>**A.**<br>Mu gihe nta mazina y' ababyeyi agaragara mu gitabo cyangwa handitswe umubyeyi umwe wemerwa n'usaba gukosora. | 1. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu minsi 15 y'amavuko iriho umukono wa noteri (notified copy / notifié conforme à l'original) mu gihe yakozwe mbere y'itariki ya 28/08/2016;<br>2. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu minsi 30 y'amavuko iriho umukono wa noteri (notified copy/notifié conforme à l'original) mu gihe yakozwe nyuma y'itariki ya 28/08/2016;<br>3. Urubanza rusimbura inyandiko y'Ivuka itarakorewe igihe mbere ya 28/08/2016 urwo rubanza rukaba rwarabaye ndakuka;<br>4. Kopi y'Indangamuntu yanyirubwite yacyuye igihe iriho umukono wa noteri.<br>5. Kopi ifishi y'imwe mu indangamuntu ( ya nyirayo )muzabanjirije ikoreshwa ubu iriho umukono wa noteri;<br>6. Urubanza rwemeza amazina y'ababyeyi be rwabaye ndakuka;<br>**7.** Kopi y'inyandiko yemera umwana (recognition certificate/acte de reconnaissance) yifashishwa igihe ntazina ry'umubyeyi ririho. |


| | | |
|---|---|---|
| | | **8.** Agatabo k'ishingirwa k' ababyeyi bukosoza imyirondore ye<br>**9. raporo y'akanama nkemurampaka ku murenge yemeza ayo mazina** |
| | **B.**<br>Igihe cyose yanditsweho umubyeyi cyangwa ababyeyi atemera : | 1.Kopi y'inyandiko y'urubanza rwemeza amazina y'ababyeyi be rwabaye ndakuka. |
| **4.**<br>**GUKOSORA IMYANDIKIRE Y'AMAZINA YOMBI** | **A.**<br>Uwo ariwe wese (atunze cyangwa ataratunga indangamuntu) ufite IMYANDIKIRE y'amazina itariyo nubwo usomye abisoma kimwe ( spelling )<br>(urugero*: ntwari claudete,* kandi ari *ntwali claudette*,<br>*mulisa jeane* kandi ari<br>***umulisa jeanne*****)**<br><br>Izina ryanditse kuburyo bandika inyajwi / ingombajwi zirenze iziteganyijwe<br><br>Ex : Mukamaana jeannnnne<br>Aho kuba Mukamana jeanne | Icyangombwa icyaricyo cyose atunze kiriho amazina ye cyakwifashishwa mu gukosora imyandikire yayo mazina . |
| | **B.**<br>Mugihe umuntu aje afite indangamuntu agaragaza ko amazina ye yombi atariyo yanditswe ,Imwe mu nyandiko zikurikira ishobora kwifashishwa gukosora.<br><br>**Urugero:**<br>KAMANA Innocent/MUGABO VINCENT | 1. Agatabo ka RAMA katanzwe mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 kanditsemo abana;<br>2. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu minsi 15 y'amavuko iriho umukono wa noteri (notified copy) mu gihe yakozwe mbere y'itariki ya 28/08/2016;<br>3. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yakozwe mu **minsi 30 y'amavuko** iriho umukono wa noteri (notified copy/notifié conforme à l'original) mu gihe yakozwe nyuma y'itariki ya 28/08/2016;<br>4. Kopi y'Indangamuntu yanyirubwite yacyuye igihe iriho umukono wa noteri. |

| | | |
|---|---|---|
| | | 5. Kopi ifishi y' indangamuntu (ya nyirubwite ) y'imwe muzabanjirije ikoreshwa ubu iriho umukono wa noteri;<br>**6.** Kopi y'Urwandiko rw'inzira rw'abajya mu mahanga rwatangiwe mu Rwanda mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 (passport/passeport cyangwa laissez-passer)<br>***7.*** Kopi y'igitabo cyandikwamwo abaturage( registre de la population) cya mbere y'iyandikwa ry'abaturage rya 2007 iriho umukono wa noteri (notified copy);<br>***8.*** Kopi y'igitabo cyandikwamo abavuka (Registre des naissances) mugihe yanditswemo muminsi 30 avutse.<br>***NB:***<br>***Umwakiriye agomba kubanza kureba yifashishije nimero yindangamuntu muri system ya NIDA niba amakuru akurikira : amazina y'ababyeyi be bombi , imyaka ye, aho yavukiye, aho yabaruriwe atari ibye.***<br>***nasanga aya makuru avuzwe haruguru araye yose, azasaba umutarage kugaragaza imwe munyandiko zavuzwe haruguru.***<br>***mugihe byagaragaye ko ayo makuru anyuranye nayo umutarage avuga,umukozi wamwakiriye kumurenge agomba kuvugana na liaison wa NIDA ushinzwe ako karere bagakorana mugukemura icyo kibazo muburyo bwihariye.*** |
| | **C.**<br>Mugihe ari umwana utarageza kumyaka imwemerera gufata indangamuntu bikaba bigaragara ko hari ikosa mumyandikire y'amazina ye, hifashishwa ibi bikurikira: | 1. Kopi y'inyandiko y'ivuka yakozwe mugihe kigenywa n'itegeko kiriho umukono wa noteri.<br>2. Ifishi y'ibarura y'indangamuntu ya kera y'ababyeyi yabanjirije ikoreshwa ubu iriho umukono wa noteri;<br>3. Agatabo k'ishyingirwa k'ababyeyi bukosoza<br>4. Copi y'indangamuntu yacyuye igihe y'ababyeyi b'ukosoza (mugihe yujuje ubuziranenge)<br>5. copi yibyanditse mu bubiko bw'ikigo gishinzwe ubwiteganyirize (RSSB Archive) |

| | | |
|---|---|---|
| | | 6. Indangamuntu y'ababyeyi be (igomba kuba yujuje ubuziranenge )<br>**7.** Kopi y'Urwandiko rw'abajya mu mahanga rwatangiwe mu Rwanda (passport/passeport cyangwa laissez-passer)<br>8. P6 conf of result (indangamanota y'ikizamini cya leta cy'umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza.<br><br>**NB:Mugihe ibi byose byabuze, uwamwakiriye amumenyesha ko agomba kwifashisha urukiko.** |
| **5.<br>UWAHAWE UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA AMAZINA YE MUGIHE BYAKOREWE MU RWANDA.** | **Guhinduza amazina yarasanganywe ayahinduriye mu Rwanda:**<br><br>**Kongera izina ry'uwo mwashyingiranywe mu mazina yarasanganwe** | 1. Igazeti igaragaza ko uwo muntu yemerewe guhindura izina / amazina<br>2. icyemezo cya Minisitiri ubifitiye ububasha cyemerera umuntu guhindura izina / amazina, akongeraho inyemezabwishyu y ' I gazette<br><br>ku bwumvikane bw'abashyingiranywe, buri wese afite uburenganzira bwo kwitwa izina bwite ry'uwo bashyingiranywe ariko rikongerwa inyuma ku mazina ye asanganywe bikorewe imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho basezeraniye<br><br>**Ref : itegeko rigenga abantu n' umuryango ryo kuwa 28/8/2016 no32/16 , art 40**<br><br>1. Azana inyandiko y'ishyingirwa igaragaza izina ry'inyongera ry'uwo bashyingiranywe n'urwandiko rumusabira kongeraho iryo zina ku ndangamuntu (recommendation letter) cyatanzwe n'umwanditsi w'irangamimerere w'umurenge bashyingiriwemo rugaragaza ko yahawe izina ry'uwo bashyingiranywe<br>2. Copi y'inyandiko y'ishingirwa bakorewe rigaragaraho ko aryitwa |

| | | |
|---|---|---|
| | **Kongera izina ry'amasezerano y'idini mu mazina yarasanganywe** | 3. copi yigitabo cy'inyandiko zinshingirwa cy'urwanda igaragaza izina ry'inyongera ry'uwo bashyingiranywe<br><br>Gukoresha izina ry'amasezerano y'idini byemerwa iyo bikorewe imbere y'Umwanditsi w'Irangamimerere w'aho ubishaka atuye. Icyakora, izina ry'amasezerano y'idini ryiyongera ku izina / amazina asanganywe , bigatangirwa icyemezo giteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze.<br><br>**Ref : itegeko rigenga abantu n' umuryango ryo kuwa 28/8/2016 no32/16 , art 40** |
| **6.**<br>**UWAHAWE UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA AMAZINA YE MUGIHE BYAKOREWE MU MAHANGA** | **Uhinduza ( uwongera ,ukura cyangwa usimbuza izina / amazina ) ku ndangamuntu azana kimwe muri ibi bikurikira mu gihe yahindurije mu mahanga:** | Buri nyandiko y'irangamimerere y'umunyarwanda cyangwa y'umunyamahanga yakorewe mu mahanga hakurikijwe imiterere ikoreshwa muri icyo gihugu igira agaciro mu Rwanda, keretse iyo hari izindi nyandiko cyangwa andi makuru aturutse mu mahanga cyangwa ibindi bimenyetso bivuye ku nyandiko ubwayo bigaragaza ko iyo nyandiko itubahirije amategeko, ari impimbano cyangwa ibirimo bidahuje n'ukuri.<br>Iyo hariho gushidikanya, inyandiko isuzumwa n'urukiko hakurikijwe uburyo bukoreshwa mu gusuzuma inyandiko zakorewe mu mahanga.<br><br>Ref: **itegeko rigenga abantu n' umuryango ryo kuwa 28/8/2016 no32/16 , art 98** |
| **7.**<br>**GUKOSORA AHO UMUNTU YAVUKIYE** | **Kimwe muri ibi cyakwifashishwa mugukosora aho umuntu yavukiye :** | 1. Inyandiko y'ivuka<br>2. Inyandiko yemera umwana<br>3. Uruhushya rw'inzira rw'abajya mu mahanga ( passport, laissez passer )<br>4. Ikindi cyangombwa icyaricyo cyose kigaragaza aho yavukiye. |
| **8.**<br>**GUKOSORA IGITSINA** | **Kimwe muri ibi cyakwifashishwa mu gukosora igitsina :** | 1. Inyandiko yemera umwana<br>2. Uruhushya rw'inzira rw'abajya mu mahanga ( passport, laissez passer )<br>3. Icyangombwa cya muganga kibyemeza |





| | | |
|---|---|---|
| | | 4. Ikindi cyangombwa icyaricyo cyose kigaragaza igitsina cye<br><br>**NB : igihe hagaragara ko habaye kwibeshya mu myandikire mu gukosora hashingirwa ku ibigaragarira amaso ( Physical appearance)** |
| **9.**<br>**GUKOSORA IGIHE CY'AMAVUKO** | **A.**<br>Gukosora itariki n'ukwezi gusa | Inyandiko iyo ariyo yose igaragaza igihe cy'amavuko |
| | **B.**<br>Gukosora umwaka | 1. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yatanzwe mu minsi 30 y'amavuko iriho ibirango bya noteri (notified copy/notifié conforme à l'original) mu gihe yasabwe nyuma ya 28/08/2016<br>2. Kopi y'inyandiko y' ivuka (birth certificate/acte de naissance) yatanzwe mu minsi 15 y'amavuko iriho ibirango bya noteri (notified copy) mu gihe yasabwe mbere ya 28/08/2016<br>3. Imwe mu ndangamuntu zabanjirije ikoreshwa ubu cyangwa ifishi yayo iriho ibirango bya noteri, iyi ikoreshwa gukosorera nyirayo<br>4. Kopi y' ifishi y'ibarura y'indangamuntu yabanjirije ikoreshwa ubu iriho ibirango bya noteri yakosorera utari nyirayo mu gihe yari yanditswe kuri iyo fishi kandi yujuje ubuziranenge<br>5. Urwandiko rw'inzira rw'abajya mu mahanga rwatanzwe n'u Rwanda (passport/passeport)yatanzwe mbere ya 2007<br>6. Urwandiko rw'inzira rw'abajya mu mahanga rwatanzwe n' u Rwanda (passport/Laissez passer) rwatanzwe mbere yuko abarurwa gufata indangamuntu.<br>7. Kopi y'igitabo cyandikwamo abaturage( registre de la population) cya mbere ya 2007 iriho umukono wa noteri<br>8. Kopi y'igitabo cyandikwamo abavuka (Registre des naissances) mugihe yanditswe muminsi 30 y'amavuko |


| | | |
|---|---|---|
| | | **N.B:** Mugihe ukosoza imyaka yazanye ikindi cyangombwa kitagaragara muri ibi byavuzwe haruguru umukozi wa NIDA wamwakiriye ashobora kureba muri database ya NESA yasanga umwaka we w'amavuko ugaragaramo uhuye n'ibyangombya yazanye agakosorerwa. |
| **10. GUKOSORA IRANGAMIMERERE** | **A.**<br>Iyo handitse ko washyingiwe,wapfakaye,watandukanye kandi uri **ingaragu** kandi n'uwo **mwashyingiranwe atanditse** | 1. Azajya akosorerwa n'umwanditsi w'irangamimerere wo ku murenge ashingiye ku cyemezo cy'uko atigeze ashyingirwa gitangwa n'inzego z'ibanze (Umudugudu n'akagari).<br>2. Imyanzuro y'urubanza rwabaye ndakuka. |
| | **B.**<br>Iyo handitse ko **washyingiwe** kandi uri **ingaragu** hananditse **uwo bashyingiranwe** | Imyanzuro y'urubanza rwabaye ndakuka. |
| | **C.**<br>Iyo handitse ko Uri **ingaragu** kandi **warashyingiwe** | 1. Kopi y'inyandiko y' ishingirwa (marriage certificate/acte de mariage) ;<br>2. Urubanza rwabaye ndakuka rusimbura inyandiko y'ishyingirwa<br>3. icyemezo cy' ishyingirwa (Agatabo k'ishyingirwa ) cyatanzwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu gihe bombi bariho. |
| | **D.**<br>Iyo handitse ko Uri **ingaragu** kandi uri **umupfakazi** | 1. Kopi y'inyandiko y' ishingirwa (marriage certificate/acte de mariage) iherekejwe n' icyemezo cy' uko wapfakaye ( attestation de veuvage) ;<br>2. Urubanza rwabaye ndakuka rusimbura inyandiko y'ishyingirwa .<br>3. Agatabo k'ishyingirwa gaherekejwe na attestation de veuvage. |
| | **E.**<br>Iyo handitse ko **washyingiwe** bakibagirwa kwandika **amazina y'uwo mwashyingiranywe** | 1. Kopi y'inyandiko y' ishyingirwa (marriage certificate/acte de mariage) ;<br>2. Urubanza rwabaye ndakuka rusimbura inyandiko y'ishyingirwa ;<br>3. Agatabo k'ishyingirwa |

| | | |
|---|---|---|
| | **F.**<br>Iyo handitse ko **yapfakaye** kandi **yarashyingiwe byemewe n'amategeko** kandi **uwo bashakanye akaba akiriho** | 1. inyandiko y'ishyingirwa (acte de marriage/livret de marriage) iherekejwe icyemezo cy' uko uwo bashakanye akiriho (attestation de vie) |
| **11.**<br>**UMUNTU MURI SYSTEM AGARAGARA NK' UWAPFUYE KANDI AKIRIHO** | Umuntu uriho muri system handitsemo ko yapfuye | Asabwa icyemezo cy'uko ariho ( **attestation de vie** ) |
| **12.**<br>**KUGIRA UMWANA UWO UTABYAYE (ADOTPION )** | Ushaka guhindura amazina y' ababyeyi cyangwa ushaka kongeraho izina ry'uwa mugize umwanawe mu mazina ye asanganywe | Hakurikizwa itegeko rigena uko adoption ikorwa nibijyanye nayo<br>( ubyifuza agaragaza umwanzuro w' urukiko n' inyandiko y'adoption : acte d'adoption )<br>**Ref : itegeko rigenga abantu n' umuryango 28/8/2016 no 32/16 , art 292** |

**ICYITONDERWA:**

1) Abantu bakosoza igihe cy'amavuko bigaragara ko habayeho kwibeshya bikabije k'umwaka w'amavuko hifashishwa Akanama k'umurenge kagizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, Umwanditsi w'Irangamimerere, Ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage bafatanyije na RIB gukemura ikibazo. Imyanzuro ivuyemo yoherezwe muri NIDA kugira ngo umuturage akemurirwe icyo kibazo.
2) Abantu bafunzwe kuva 1994 bityo bakaba batarafashe indangamuntu yabanjirije iyi (**kuko bari bafunzwe**) bazajya bafashwa mu buryo bwihariye.
3) Igihe hagaragara ko inyandiko yatanzwe **itujuje ubuziranenge**, hifashishwa inzego z'iperereza.

Bikorewe i Kigali tariki 03/02/2022



Digitally signed by NIDA(DIRECTOR GENERAL)
Date: 2022.02.03 10:24:19 +02'00'

**MUKESHA Josephine**

**Umuyobozi Mukuru**